**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**Kayonza, kuwa 09/07/2018**

**No……202……../07.05.04**

Eastern Province
For reception
Date 09 JUL 2018
Signature

Kayonza District
Reception Mayor's Office
Date 9/7/18
Signature

RECEPTION
MINALOC
Date: 10/07/18


**INTARA Y'IBURASIRAZUBA**
**AKARERE KA KAYONZA**
**P.O.BOX 03 RWAMAGANA**
kayonzadistrict@minaloc.gov.rw


**Bwana Guverineri w'Intara y'Iburasirazuba**
**RWAMAGANA**

**IMPAMVU**: Kohereza imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza yateranye kuwa 05/07/2018

**Bwana Guverineri,**

Nejejwe no kubandikira ngirango mbagezeho imyanzuro y'inama idasanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Kayonza yateranye tariki ya 05/07/2018.

Mugire amahoro.

**MUKAMUYENZI Valentine**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka KAYONZA

**Bimenyeshejwe:**

- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
  **KIGALI**
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka
  **KAYONZA**

**IMYANZURO Y'INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAYONZA YO KUWA 05/07/2018**

Inama yatangiye imirimo saa yine n'iminota mirongo ine n'itanu (10h45), ibera ku cyicaro cy'Akarere mu cyumba kinini cy'inama, iyoborwa n'Umuyobozi mushya w'Inama Njyanama y'Akarere Madamu **MUKAMUYENZI Valentine**.

Ubwitabire bwari Abajyanama makumyabiri na babiri kuri makumyabiri na batandatu (22/26) bagize Inama Njyanama,bahwanye na 84,6% by'ubwitabire.

**Abandi bitabiriye inama**:

- Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere musyha: Bwana **KAGABA Hero Aaron**

- Umuyobozi Mukuru ushinzwe Imirimo Rusange mu Karere, akaba yari n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa by'agataganyo: Bwana **GAKWERERE Josam**

**Abajyanama batitabiriye inama n'impamvu:**

1. Bwana **MUTANGANA Eugene**: impamvu z'akazi yari yabimenyesheje mbere, Umuyobozi w'inama nawe yamwemereye uruhushya.
2. Bwana **ZIGIRA Alphonse**: impamvu z'akazi yari yabimenyesheje mbere, Umuyobozi w'inama nawe yamwemereye uruhushya;
3. Madamu **MUKANDAYISABYE** Magreth: yasabye uruhushya mbere kandi umuyobozi w'inama yarumwemereye;
4. Bwana **GAKUMBA Geoffrey**: yagiye kwiga hanze y'u Rwanda ntarasoza amasomo kandi Inama Njyanama irabizi.

Umuyobozi w'inama yahaye ikaze abitabiriye inama, anabashimira ko bitabiriye , maze nk'uko bisanzwe haririmbwa indirimbo yubahiriza igihugu, nyuma Perezida w'Inama Njyanama ageza kubari mu nama ingingo ziri buganirweho, anaboneraho kubwira abajyanama bitabiriye inama ko mu Nama Njyanama idasanzwe nta ngingo yiyongera ku zari ziteganijwe bityo haganirwa ku zari ku butumire gusa arizo zikurikira:

1. Kwemeza Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere mushya;
2. Gushyira Abajyanama bashya mu makomisiyo y'Inama Njyanama no gutora Umunyamabanga wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu;
3. Kwemeza ko amafaranga yari mu ngengo y'Imari y'umwaka wa 2017/2018 yimurirwa mu mwaka wa 2018/2019.



q.

## KWIGA INGINGO KU YINDI

## INGINGO YA MBERE

**Abagize Inama Njyanama bashingiye ku Itegeko N0 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, mu ngingo yaryo ya 75;** abagize Inama Njyanama bize iyi ngingo, bayunguranaho ibitekerezo ,bafata umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro wa mbere:**

Inama Njyanama yemeje ko Bwana KAGABO Hero Aaron ari Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka Kayonza, nyuma yo gutsinda ibizami by'ipiganwa byakorewe ku Karere, yemejwe n'Inama Njyanama ku bwiganze busesuye kuri uyu wa kane tariki ya 05/07/2018, bityo akaba ashobora gutangira imirimo uhereye uyu munsi.

## INGINGO YA KABIRI

**Abagize Inama Njyanama bashingiye kandi ku Itegeko N0 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena Imitunganyirize n'Imikorere y'Inzego z'Imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, mu ngingo yaryo ya 45 kugeza kuya 51, iri tegeko rigena imikorere ya za Komisiyo.** Inama Njyanama yemeje ko Abajyanama baherutse gutorwa uko ari bane (4), bashyirwa muri za Komisiyo z'Inama Njyanama. Umujyanama KAYITANA Fred wari usanzwe ari Umujyanama mu Nama Njyanama y'Akarere ka Kayonza wari warasabye guhindura Komisiyo (ava muri Komisiyo n'Iterambere ry'Imibereho Myiza ajya muri Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu), yarabyemerewe kugirango yoroherezwe uburyo bwo kwitabira inama ya Komisiyo bitabangamiye akazi ke.

**Umwanzuro wa kabiri:**

Inama Njyanama yashyize Abajyanama bashya mu makomisiyo mu buryo bukurikira:

- Bwana **HAGENIMANA Emmanuel** yagiye muri Komisiyo y'Imiyoborere Myiza y'Inama Njyanama.
- Bwana **KARAMA Joseph** yagiye muri Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu y'Inama Njyanama.
- Madamu **MUNGANYINKA Hope** yagiye muri Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu y'Inama Njyanama.
- Bwana **NYANDWI Gilbert** yagiye muri Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza y'Inama Njyanama.
- Bwana **KAYITANA Fred** yavuye muri Komisiyo y'Iterambere ry'Imibereho Myiza ajya muri Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu y'Inama Njyanama nk'uko yari yabisabye.



Ofc

Inama Njyanama yanemeje kandi ko Umunyamabanga wa Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu ari Bwana **MWISENEZA Jean Claude** watowe n'abagize Komisiyo y'Imari n'Iterambere ry'Ubukungu kuko uwari usanzwe muri izo nshingano, Madamu **MUKAMUYENZI Valentine** yatorewe kuyobora Inama Njyanama y'Akarere.

**INGINGO YA GATATU**

Inama Njyanama imaze kugezwaho ko hari amafaranga yari ku Ngengo y'Imari y'Akarere ka Kayonza mu mwaka wa 2017/2018 ahwanye na **Miliyoni magana arindwi na mirongo itanu na zirindwi Ibihumbi magana abiri na bitatu na magana atanu mirongo ine na birindwi (757,203,547frw)** agomba kwimukanwa, Abajyanama bari mu nama bafashe umwanzuro ukurikira:

**Umwanzuro wa gatatu:**

Abajyanama bemeje ko ayo mafaranga yimurirwa mu mwaka w'ingengo y'Imari y'Akarere 2018/2019, inyandiko igaragaza impamvu aya mafaranga yimukanywe ikazanozwa neza, Inama Njyanama igahabwa kopi kugirago ibikwe no mu bunyamabanga bw'urwo rwego.

Inama idasanzwe y'Inama Njyanama yashoje imirimo yayo saa sita (12h:05), Umuyobozi w'Inama Njyanama ashimira abayitabiriye n'ibitekerezo byiza batanze.

**MUSABYEMARIYA Thérèse**

**Umwanditsi w'Inama**

**MUKAMUYENZI Valentine**

**Umuyobozi w'Inama**

**URUTONDE RW'ABAJYANAMA B'AKARERE KA KAYONZA BITABIRIYE INAMA IDASANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAYONZA YATERANYE TARIKI YA 05/07/2018**

| N0 | AMAZINA | UMURENGE YATOREWEMO | UMURENGE ATUYEMO | ISAHA | GENDER | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | BIDERI John Bonds | MUKARANGE | KIGALI | 9h | M | |
| 2 | GACINYA Faustin | MURAMA | KIGALI | 9h00 | ♂ | |
| 3 | GAKUMBA Geoffrey | RWINKWAVU | RWINKWAVU | | | |
| 4 | GAKUMBA Robert | RWINKWAVU | RWINKWAVU | 9h00' | M | |
| 5 | HAGENIMANA Emmanuel | RWINKWAVU | RWINKWAVU | 9h00 | M | |
| 6 | HARERIMANA J Damascene | MWILI | MUKARANGE | 9h00 | [illegible] | |
| 7 | IRADUKUNDA Eugenie | MURUNDI | MURUNDI | 9h00 | M | |
| 8 | KANAMUGIRE Pascal | RUKARA | RUKARA | 9h00 | M | |
| 9 | KARAMA Joseph | KABARE | KABARE | 9h00 | M | |
| 10 | KAYITANA Fred | MURUNDI | KIGALI | 9h00 | ♂ | |
| 11 | MUKAKABANO Evelyne | RWINKWAVU | RWINKWAVU | 9h00 | F | |
| 12 | MUKAMUSONERA Dative | MUKARANGE | MUKARANGE | 9h00 | F | |
| 13 | MUKAMUSONI Angelique | GAHINI | GAHINI | 9h00 | F | |
| 14 | MUKAMUYENZI Valentine | NYAMIRAMA | NYAMIRAMA | 9h00 | F | |
| 15 | MUKANDAYISABYE Magreth | NDEGO | KIGALI | | | |
| 16 | MUKARUSAGARA Beata | RUKARA | RUKARA | 9h00 | F | |
| 17 | MUNGANYINKA Hope | KABARONDO | KABARONDO | 9h00 | F | |
| 18 | MURENZI Jean Claude | GAHINI | MUKARANGE | 9'00 | M | |
| 19 | MUSABYEMARIYA Therese | RURAMIRA | KABARONDO | 9h00' | F | |
| 20 | MUSABYIMANA Anathalie | KABARONDO | MURAMA | 9h00' | F | |
| 21 | MUTANGANA Eugene | NDEGO | KIGALI | | | |
| 22 | MWISENEZA Jean Claude | NYAMIRAMA | NYAMIRAMA | 9h00 | M | |
| 23 | MWISENEZA Safina | KABARE | KABARE | 9h00 | F | |
| 24 | NYANDWI Gilbert | RURAMIRA | RURAMIRA | 9h00' | M | |
| 25 | RUGIGANA Jean Bosco | KABARONDO | KABARONDO | 9h00' | M | |
| 26 | ZIGIRA Alphonse | MURUNDI | KIGALI | | | |